



ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 11 Ukwakira 2018, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAMANA Elisabeth.

Ku murongo w'ibyizwe hari:

- i. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 28/06/2018;
- ii. Ikiganiro kuri « *Politiki n'ingamba z'Igihugu byo kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge mu Rwanda* »;
- iii. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018;
- iv. Gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018;
- v. Gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerenzi z'Ihuriro zakurikiranye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite yabaye kuva tariki ya 2-4/09/2018;
- vi. Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo ku wa 28/06/2018, Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo.

Ku ngingo ijyanye n'ikiganiro kuri « *Politiki n'ingamba z'Igihugu byo kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge mu Rwanda* »; cyatanzwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima Dr NDIMUBANZI Patrick; Umunyamabanga wa Leta yagaragaje ko Leta y'u Rwanda yiyemeje guca burundu ikoresheya, ikwirakwizwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge kuko bigira ingaruka mbi ku mibereho y'Abanyarwanda no ku bukungu bw'Igihugu. Yakomeje agaragaza urutonde rw'ibiyobyabwenge bikunze kuboneka mu Gihugu cyacu, yerekana amategeko n'amabwiriza yashyizweho hagamijwe gukumira no guhana ababikoresheya, ingamba zashyizweho harimo n'ishyirwaho rya Komite yo ku rwego rw'Igihugu yo kurwanya ikoresheya ry'ibiyobyabwenge.

By'umwihariko, mu ngamba zafashwe yagarutse ku bukungurambaga buhoraho, kuvura no kwita ku bantu bibasiwe n'ibiyobyabwenge no kubasubiza mu buzima busanzwe nyuma yo gukira ingaruka zabyo.

Mu gusoza ikiganiro, yasabye ubufatanye bw'Imitwe ya politiki mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge mu Banyarwanda muri rusange no mu bayoboke bayo by'umwihariko.

Inama Rusange yashimye ingamba z'Igihugu zashyizweho mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge mu Rwanda cyane cyane mu rubyiruko; isaba ko Imitwe ya politiki n'Abanyarwanda bose muri rusange, bakwiye kumva ko ikibazo cy'ibiyobyabwenge ari ikibazo cy'umuryango nyarwanda kidakwiye guharirwa inzego zimwe gusa, biyemeza gukomeza gukora ubukangurambaga mu bayoboke bahagarariye.

Ku ngingo ijyanye no gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, Inama Rusange yashimye ibikorwa Ihuriro ryagezeho, irayemeza.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo, Inama Rusange yayemeje.

Ku ngingo yo gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko/Umutwe w'Abadepite yabaye kuva tariki ya 2-4/09/2018; Inama Rusange yayemeje nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo.

Ku ngingo ijyanye no gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, Inama Rusange yatoye, ku mwanya w'Umuvugizi, **Depite HABINEZA Frank**, uturuka mu Ishyamba Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije (DGPR), naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatorwa **Depite NYIRAGWANEZA Athanasie**, uturuka mu Ishyamba Riharanira Demokarasi n'Imibereho myiza y'abaturage (PSD).

Bikorewe i Kigali, tariki ya 11/10/2018.

